REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO

MINISTRY OF PUBLIC SERVICE AND LABOR

REPUBLIC OF RWANDA

Kigali, on 18/09/2019
N° 3377/1918

- Hon. Minister of Gender and Family Promotion
-Hon. Minister of Education
-Hon. Minister of Agriculture and Animal Resources
-Hon. Minister of Sports and Culture
-Hon. Minister of Trade and Industry
-Hon. Minister of Youth
-Hon. Minister of ICT & Innovation
-Hon. Minister of Local Government
-Hon. Minister of State in charge of Economic Planning in MINECOFIN
- Hon. Minister of State in charge of Social Affairs and Social Protection in MINALOC
-Hon. CEO of RDB/Cabinet Member
-Lord Mayor, CoK
-Chief Executive Officer, PSF
-Chief Executive Officer, BDF
-Vice Chancellor/RP
-Deputy Vice-Chancellor in charge of Institutional Advancement, UR
-Director General, WDA
-Director General, LODA
-Director General, RCA
-Director General, NIRDA
-Director General, NRS
-Executive Secretary, NYC
-Executive Secretary, NWC
-Executive Secretary, NCPD

**KIGALI**

**Re: Transmission of the Revised Guidelines for the Implementation of Skills Development Interventions**

Hon. Minister, Hon. Minister of State, Hon. CEO of RDB/Cabinet Member, Dear Madam/Sir,

I am pleased to share attached herewith, guidelines for employability skills development interventions, approved by NEP Ministerial Steering Committee Meeting held on 6 August 2019, for your consideration.

Please accept, Hon. Minister, Hon. Minister of State, Hon. CEO of RDB/Cabinet Member, Dear Madam/Sir, the assurances of my usual high consideration.

Sincerely,

**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**
**Minister of Public Service and Labour**

**<u>Cc:</u>**
**Right Hon. Prime Minister**
**<u>KIGALI</u>**

***P.O. BOX 403 KIGALI Website :*** *www.mifotra.gov.rw* ***E-mail*** *:info@mifotra.gov.rw* ***Follow us on Twitter*** *:@RwandaLabour*

## UBURYO BUKURIKIZWA MU GUHITAMO ABAFATANYABIKORWA N'ABAHABWA AMAHUGURWA Y'UBUMENYINGIRO BUTANGWA MU GIHE GITO MURI GAHUNDA Y'IGIHUGU YO GUTEZA IMBERE UMURIMO (NEP- KORA WIGIRE)

**IRIBURIRO**

Nyuma y'uko bigaragaye ko ikibazo cy'ibura ry'imirimo cyane cyane biturutse mu kutagira ubumenyingiro, kutagira ubumenyi bukenewe ku isoko ry'umurimo n'umubare munini w'Abanyarwanda cyane cyane urubyiruko n'abagore badafite akazi, hateganyijwe gahunda yo guhugura urubyiruko mu masomo y'ubumenyingiro mu gihe gito (Massive short-term vocational training) bushingiye ku mirimo iboneka aho abayahabwa baherereye. Intego y'aya mahugurwa ni uguha ubumenyingiro abanyarwanda cyane cyane urubyiruko n'abagore bubafasha guhita bahanga akazi cyangwa bagahabwa n'Abakoresha. Hateganijwe kandi gahunda yo gufasha Abikorera n'Imishinga minini kubona Abakozi batangirana bafite ubumenyi bifuza (Rapid Response Training) no guhugurira mu nganda ndetse no mu isosiyete (IBT/ Apprenticeship/Workplace Learning).

Muri iyi gahunda hateganyijwe kandi guha agaciro ubumenyi busanzwe bufitwe n'abantu batabifitiye impanyabushobozi (Recognition of Prior Learning)

Ku bwiyo mpamvu, ni ngombwa ko hashyirwaho uburyo bwo guhitamo abagenerwabikorwa bizo gahunda zitandukanye zavuzwe haruguru, ndetse n'uburyo abafatanyabikorwa batandukanye bazishyira mubikorwa.

## I. INGINGO RUSANGE KU BIJYANYE N'AMAHUGURWA ATANGWA MU GIHE GITO (MASSIVE SHORT-TERM VOCATIONAL TRAINING)

### A. UZAHUGURWA AGOMBA KUBA YUJUJE IBI BIKURIKIRA:

- Kuba ari Umunyarwanda by'umwihariko ari urubyiruko, umugore cyangwa ufite ubumuga;

- Kuba afite ubushake bwo kwiga muri amwe mu mashami aboneka ku kigo kizigishirizwamo kandi akazajya akurikiza ingengabihe uko yemejwe n'ishuri.

## B. AMASHAMI AZIGWAMO N'IGIHE AMAHUGURWA AMARA

- Amashami azigishwa atoranywa n'Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyingiro (RP) ku bufatanye n'inzego zibishinzwe hagendewe ku bumenyi bukenewe cyane aho abiga baherereye kandi bashobora guhangamo imirimo n'imishinga mu buryo bworoshye. Amahugurwa atangwa mu gihe kitarengeje amezi atandatu.

## C. GAHUNDA N'IBISABWA MU KWIYANDIKISHA

- Kwiyandikisha bikorerwa ku kigo cy'Ishuri ry'Imyuga cyangwa ahandi hazatangirwa amahugurwa bikamenyeshwa abagenerwabikorwa mu byumweru bibiri mbere y'uko amahugurwa atangira;
- Uwiyandikisha agomba kuza yitwaje ibyangombwa byemewe n'amategeko harimo indangamuntu, ibyangombwa bigaragaza amashuri yize cyangwa ikindi cyagenwa n'urwego rushinzwe guhitamo abahugurwa;
- Uwiyandikisha yuzuza imbonerahamwe/ifishi igaragaza umwirondoro we;
- Urutonde rw'abemerewe kwiga rumanikwa ku Kigo cy'ahazatangirwa amahugurwa bikamenyeshwa n'abandi bafatanyabikorwa;
- Utishimiye uko guhitamo abahugurwa byagenze, yiyambaza ubuyobozi bw'umurenge ishuri ribarizwamo bitarenze ibyumweru bibiri uhereye igihe urutonde rw' abemerewe guhugurwa rushyizwe ahagaragara.

## D. INSHINGANO Z'AKARERE AMAHUGURWA AZABERAMO

- Gufatanya na RP guhitamo amashami azatangwamo amahugurwa mu Karere hakurikijwe ibikenewe byakoroshya ihangwa ry'imirimo mishya izongera iterambere ry'Akarere;
- Gutanga amatangazo mu Mirenge no mu Tugari ku bijyanye n'amahugurwa ndetse n'amakuru ku masomo azatangwa n'aho azatangirwa mu Karere;
- Kubahiriza ihame ry'uburinganire mu guhitamo abazahugurwa;

- Kugira uruhare, gukurikirana no kugenzura abegenerwabikorwa kugira ngo amahugurwa agende neza kandi bikamenyeshwa RP;
- Kubika amakuru y'imyirondoro y'abarangije amahugurwa no kubamenyesha izindi gahunda zibunganira mu gushyira mu bikorwa ibyo bize;
- Gukurikirana ikoreshwa ry'amafaranga yoherejwe mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (TVET) mu bikorwa bya NEP, ndetse no gutanga ubujyanama mu bijyanye n'itangwa ry'amasoko ya Leta.

**E. URUHARE RWA MINISITERI Y'URUBYIRUKO (MINIYOUTH) NA MINISITERI Y'UBURINGANIRE N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO (MIGEPROF)**

- Kumenyekanisha iyi Gahunda binyuze mu Nzego z'Urubyiruko n'Abagore;
- Gukurikirana uko gukangurira Urubyiruko n'Abagore kwitabira iyi gahunda bishyirwa mu bikorwa;
- Gufatanya n'Uturere gukurikirana uko igikorwa cyo guhitamo abazahugurwa kigenda.
- Gutanga raporo ku bukangurambaga bwakozwe ku bagenerwabikorwa batandukanye.

**F. URUHARE RW'ISHURI RIKURU RY'IMYUGA N'UBUMENYINGIRO (RP)**

- Gufatanya n'Akarere ndetse n'izindi nzego zibifitiye ububasha guhitamo amashami n'ibyiciro amahugurwa azatangwamo;
- Gutegura imfashanyigisho zijyanye n'amashami n'ibyiciro byumvikanyweho n'Uturere;
- Gushyiraho akanama gashinzwe guhitamo ibigo by'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro
- (TVET), inganda cyangwa se ibindi bigo byujuje ibisabwa kugirango byigishe ibijyanye n'amashami yatoranyijwe;
- Gushyiraho ibisabwa mu guhitamo ibigo by'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (TVET), inganda cyangwa se ibindi bigo kugira ngo byigishe ibijyanye n'amashami yatoranyijwe;
- Guhitamo ibigo by'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (TVET) byujuje ibisabwa kugira ngo byigishe ibijyanye n'amashami yatoranyijwe;
- Gutanga amafaranga azagurwa ibikoresho, guhemba abarimu no gukora mu yindi mirimo igendanye n'amahugurwa;

- Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyingiro (RP) rifatanyije n'ibigo bigishamikiyeho, rizajya rikusanya rinabike amakuru y'imyirondoro y'abarangije amahugurwa kandi ritange raporo yabo buri gihembwe ku bunyamabanga bwa NEP;
- Kugenzura igihe amahungurwa arimo kuba niba amafranga yagenewe amahugurwa yose yatanzwe na leta akoreshwa ibyo yagenewe;
- RP izajya itanga inyemezabumenyi (certificates) ku barangije amahugurwa.

## G. UKO RAPORO IZAJYA ITANGWA

- Buri kigo kizajya gitanga raporo z'abatoranyijwe n'abarangije guhugurwa kuri RP kandi Akarere kagenerwe kopi;
- Buri kigo kigomba gutanga raporo y'ikoreshwa ry'amafaranga cyahawe ndetse na raporo y'amahugurwa kuri RP kandi akarere kagenerwe kopi.

## H. ABAGIZE AKANAMA GASHINZWE GUHITAMO ABAHUGURWA

- Umuyobozi w'Ishami Rishinzwe Guteza Imbere Umurimo n'Ishoramari (BDE Unit) ku Karere ari nawe ukuriye akanama akaba ari nawe utumira;
- Umukozi ufite mu nshingano Uburezi n'Amahugurwa y'Ubumenyingiro (TVET) mu Murenge amahugurwa azaberamo;
- Umukozi ufite uburezi mu nshingano ku rwego rw'Akarere;
- Umuyobozi w'ikigo cyatoranyijwe kuberamo amahugurwa ari nawe munyamabanga ;
- Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Umurenge ;
- Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umurenge ;
- Umuhuzabikorwa w'Inama y 'Igihgu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Umurenge ;

Nibura batatu (3) mubagize akanama aribo Umuyobozi w'ikigo, Umukozi ufite mu nshingano Uburezi n'Amahugurwa y'Ubumenyingiro (TVET) mu Murenge hamwe n'umukozi umwe wo ku rwego rw'Akarere mu bavuzwe haruguru, bashobora guterana bagahitimo abagenerwabikorwa.

## I. IGIHEMBO KU BATANGA AMAHUGURWA

Abatanga amahugurwa yaba abarimu bashya cyangwa abasanzwe mu mashuri ya Leta ya TVET bakora amasaha y'ikirenga bagenerwa agahimbazamusyi. Igihe ari mu mashuri

y'abikorera, ikiguzi gitangwa ku mwarimu ntikigomba kurenga ikiguzi gitangwa muri Leta. Agahimbazamusyi ku barimu basanzwe ari aba Leta kemezwa na NEP Steering Comittee.

## J. ABAGIZE AKANAMA GASHINZWE GUHITAMO AMASHURI Y'IMYUGA N'UBUMENYINGIRO (TVET)

- Umuyobozi Mukuru Wungirije ushinzwe imyigire, imyigishirize n'ubushakashatsi w'ishuri rikuru ry'imyuga n'ubumenyingiro (RP) ari nawe ukuriye akanama cyangwa se umuhagarariye;
- Abayobozi bakuru bungirije bashinzwe amasomo muri IPRCs;
- Abakozi ba NEP bakorera mw'ishuri rikuru ry'imyuga n'ubumenyingiro (RP) ;
- Umuyobozi w'ishami rishinzwe uburezi mu Karere ishuri riherereyemo;
- Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Guteza Imbere Umurimo n'Ishoramari ku Karere ishuri riherereyemo;
- Abagize aka kanama nibo bazajya bagena ibigenderwaho mu guhitamo ibigo by'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (TVET) bizatanga amahugurwa bita ku mahirwe agaragara muri buri Karere ;
- Nibura 2/3 mu bagize akanama kavuzwe haruguru bashobora guterana bagahitaramo amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro amasomo azatangirwamo.

[redacted]

## A. IBIGENDERWAHO MU GUTORANYA IBIGO BIKENEYE AMAHUGURWA KU BAKOZI

- Kuba Ikigo, isosiyete/uruganda cyanditswe kandi cyujuje ibyangombwa bicyemerera gukorera mu Rwanda bitangwa n'inzego zibifitiye ububasha.
- Kuba Ikigo cyaranditse gisaba ubufatanye mu mahugurwa y'igihe gito mu rwego rwa NEP- Kora Wigire kandi kigaragaza umushinga mu buryo burambuye uko ayo mahugurwa azatangwa.

- Ikigo cy"Igihugu cy"Iterambere(RDB) na Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda(MINICOM) bashobora kwandikira RP basabira Ibigo biri mu byiciro by'ubukungu byahawe umwihariko kandi byitezweho kwihutisha ishoramari n'ihangwa ry'imirimo ibyarira inyungu abayikora. Ibyo ariko ntibikuraho inshingano za komite ibishinzwe ku bijyanye no gusuzuma ubusabe ikaba ariyo ifata umwanzuro;
- Ikigo kigomba kuba gifite umushinga wujuje ibisabwa biwemerera guhita utangira cyangwa usanzwe uriho kandi ubasha gutanga imirimo ibyara inyungu kuri nibura 70% by'abahuguwe. Amasezerano y'umurimo ahabwa abahuguwe ntagomba kujya munsi y'imyaka ibiri uhereye igihe amahugurwa yarangiriye.
- Kuba Ikigo cyiteguye kugira uruhare mu kiguzi rusange cy'amahugurwa kugeza nibura kuri 50%;
- Inkunga itangwa na Leta ku mahurwa ya RRT ingana na 50% by'Agaciro k'amahugurwa yose kandi igatangwa mu byiciro bitatu ku buryo bukurikira: 40% y'inkunga itangwa amahugurwa agitangira; 30% y'inkunga itangwa amahugurwa ageze hagati kandi nibura ½ cy'ibyigishwa byararangiye kandi byujuje iremere risabwa; 30% atangwa amahugurwa arangiye nyuma y'uko ikigo gihugura kimaze guha amasezerano y'umurimo (contract) atari munsi y'imyaka ibiri(2) kuri 70% y'abamaze guhabwa amahugurwa;
- Kuba Ikigo cyujuje ibyangombwa byose bicyemerera gutangira gushyira mu bikorwa umushinga gisabira ubumenyi bwihutirwa;
- Kuba amahugurwa azatangwa ari ayihariye yongerera abakozi ubumenyi bukenewe mu kongera umusaruro mu kigo;
- Kuba ubumenyi bukenewe budafitwe na benshi mu bari ku Isoko ry'Umurimo mu Rwanda;
- Kuba ikigo cyemera kwishyura buri mukozi nyuma y'amahugurwa, umushahara wa buri kwezi (net salary) utari munsi y'amafranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itandatu na bitanu (65,000Frw). Ibi bikazajya byubahirizwa mu gihe hatarasohoka Iteka rigena umushara fatizo;
- Kuba ikigo cyemera kuzajya gikata 4% ku mushahara mbumbe w'umukozi wa buri kwezi azajya ashyirwa kuri konti ya NEP –Kora Wigire iri mu Banki Nkuru y'Igihugu kugira ngo hishyurwe amafaranga Leta yatanze yo guhugura;

- Kuba Ikigo cyemera kumenyesha mu nyandiko Ishuri Rikuru ry'Imyuga n'Ubumenyingiro (RP) na RDB, igihe umukozi wahuguwe ahinduye umukoresha, ahagaritse akazi mu gihe runaka cyangwa agize impamvu zituma ahagarika ibyo akazi;
- Kuba Ikigo gifite kandi cyuzuza ibitabo by'ibaruramari nk'uko bisabwa n'inzego zibifite mu nshingano;
- Kuba ikigo cyiteguye gutanga raporo no kugaragaza uburyo inkunga y'amahugurwa yose (iyatanzwe na Leta n'iyatanzwe n'Ikigo) yakoreshejwe;
- Kuba Ikigo cyiteguye kubahiriza ihame ry'uburinganire no kwita by'umwihariko ku bantu bafite ubumuga mu mitangire y'amahugurwa ndetse no gutanga akazi;
- Mbere yo gutangira amahugurwa, ikigo kigomba gushyikiriza RP integanyanyigisho izakoreshwa mu mahugurwa Kugira ngo bayisuzume kandi banayemeze;
- Amahugurwa yo mu rwego rwa RRT areba kandi imishinga ya Leta cyangwa iy' abikorera ifite abakozi bakeneye kongererwa ubumenyi bwihariye kugira ngo iyo mishanga igere ku ntego zayo.

## B. IBIGENDERWAHO MU GUTORANYA ABAHUGURWA MURI "RAPID RESPONSE TRAINING"

Gutangaza gahunda yo guhitamo abahugurwa muri "RRT", kubahitamo ndetse no kumenyekanisha abemerewe amahugurwa bikorwa na RP ku bufatanye na Sosiyete cyangwa Umushinga.

Ukeneye guhugurwa agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- Kuba ari Umunyarwanda afite ikimuranga, by'umwihariko ari urubyiruko, umugore cyangwa afite ubumuga;
- Kuba afite ubushake bwo kwiga ubumenyingiro bukenewe n'Ikigo cyateguye umushinga, mugihe cyateganyirijwe amasomo kandi yiteguye guhita atangira akazi mu gihe Ikigo cyakamuhaye;
- Kuba yiyemeje gukorera ikigo cyamuhuguye akazi nyuma y'amahugurwa nibura mu gihe cy'imyaka ibiri (2) mu gihe ahawe akazi;

- Kuba yemera ko mu gihe ahawe akazi, 4% by'umushara we mbumbe azajya akatwa n'umukoresha we agashyirwa ku kuri konti ya NEP –Kora Wigire iri muri Banki nkuru y'Iguhugu.

## C. AHO AMAHUGURWA ATANGIRIRA N'IGIHE AMARA

Amahugurwa atangira nyuma y'uko RP n'ikigo bamaze kumvikana uburyo, igihe n'aho amahugurwa azabera kandi amahugurwa ntashobora kurenza amezi atandatu.

## D. ABAGIZE AKANAMA GASHINZWE GUHITAMO IBIGO BYIGENGA CYANGWA INGANDA ZITANGA AMAHUGURWA YA « RRT »

- Umuyobozi Mukuru Wungirije ushinzwe imyigire, imyigishirize n'ubushakashatsi mu ishuri rikuru ry'imyuga n'ubumenyingiro (RP) ari nawe ukuriye akanama;
- Umuyobozi Mukuru ushizwe Umurimo muri MIFOTRA ;
- Umuyobozi w'Ishami rishinzwe guteza imbere ibikorwa byihutisha ihangwa ry'imirimo ikenewe mu ngeri zitandukanye muri RDB;
- Umuyobozi ushinzwe gushyiraho imirongo ngenderwaho mu guhanga imirimo muri MINICOM ;
- Abakozi ba NEP bakorera mw'ishuri rikuru ry'imyuga n'ubumenyingiro (RP) ari nabo bavamo umunyamabanga;
- Umuyobozi w'Ishami Rishinzwe Guteza Imbere Umurimo n'Ishoramari (BDE Unit) ku Karere Inganda cyangwa Imishinga iherereyemo;
- Umuyobozi ushinzwe ibikorwa muri PSF.
- Abagize akanama bavuzwe haruguru baterana bagafata imyanzuro iyo hari nibura bane muri barindwi mu bagize akanama ;

Abagize aka kanama nibo bazajya basuzuma ibigenderwaho mu guhitamo Sosiyete, inganda cyangwa se Imishinga bizatanga amahugurwa.

Akanama kazajya gakora raporo y'uko guhitamo ibigo byagenze kayishyikize RP kagenere kopi RDB, MINICOM na MIFOTRA.

[redacted]

## A. IBIGENDERWAHO MU GUHITAMO ISOSIYETE/URUGANDA RUTANGA AMAHUGURWA MURI IBT NA APPRENTICESHIP/WORKPLACE LEARNING

- Kuba isosiyete/uruganda yujuje ibyangombwa byose biyemerera gukorera mu Rwanda bitangwa n'inzego zibifitiye ububasha;
- Kuba isosiyete/uruganda ifite aho amahugurwa azatangirwa harimo imashini zigezweho bitewe n'ubwoko bw'amahugurwa azatangwa n'iyo sosiyete/uruganda;
- Kuba amahugurwa azatangwa ari ayihariye yongera ubumenyi bugendanye n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo;
- Ikigo, Isosiyete/uruganda igomba kuba ifite abakozi b'inzobere mu gutanga ubumenyingiro mu mahugurwa abera mu ma sosiyete n'ibigo;
- Mbere yo gutangira amahugurwa, RP n'isosiyete/uruganda babanza kwemeranya ku nteganyanyigisho izifashishwa muri ayo mahugurwa no kuzemeza;
- Amahugurwa yo muri sosiyete/uruganda ntago agomba kurenza amezi atandatu (6);
- Kuba ikigo gifite kandi cyuzuza ibitabo by'ibaruramari nk'uko bisabwa n'inzego zibifite mu nshingano;
- Kuba ikigo cyiteguye kugaragaza uburyo amafaranga yagenewe amahugurwa yose yatanzwe na leta akoreshwa ibyo yagenewe;
- Kuba Ikigo cyiteguye kubahiriza ihame ry'uburinganire no kwita by'umwihariko ku bafite ubumuga mu mitangire y'amahugurwa ndetse no gutanga akazi;
- RP ku bufatanye n'abashinzwe ibikorwa bya NEP muri RDB, MINICOM na PSF bazajya bemeza ikigo isosiyete/uruganda bishoboye gutanga amahugurwa hashingiwe ku bikenewe ku isoko ry'umurimo kandi hakurikijwe ingingo zavuzwe haruguru; Ikigo, isosiyete/uruganda byatoranyijwe bigiranana amasezerano na RP mbere yo gutangira amahugurwa.

## B. IBIGENDERWAHO MU GUTORANYA ABAHUGURWA MURI (IBT)/ APPRENTICESHIP/ WORKPLACE LEARNING

Gutangaza gahunda yo guhitamo abahugurwa muri "IBT/Apperenticehip/ Workplace learning", kubahitamo ndetse no kumenyekanisha abemerewe amahugurwa bikorwa na RP ku bufatanye n'ikigo cyangwa uruganda ndetse n'Akarere amahugurwa azaberamo.

Ukeneye guhugurwa agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- Kuba ari Umunyarwanda afite ikimuranga, byumwihariko ari urubyiruko, umugore cyangwa ufite ubumuga;
- Kuba afite ubushake bwo kwiga ubumenyingiro buzatangwa.

## C. AHO AMAHUGURWA ATANGIRWA N'IGIHE AMARA

Amahugurwa atangirwa mu kigo, isosiyete/uruganda byatoranyijwe hibandwa gusa ku bumenyingiro bwihariye bukenewe ku isoko ry'umurimo kandi amahugurwa ntashobora kurenza amezi atandatu (6).

## D. IBIGENERWA UMUFATANYABIKORWA N'UMUGENERWABIKORWA MU GIHE CY'AMAHUGURWA

- RP itanga amafaranga ku kigo agenewe kwishyura ibikoresho bizifashishwa mu mahugurwa (Consumables). Igiciro cy'ibyo bikoresho kizajya cyemezwa nyuma y'ibiganiro hagati ya RP n'ikigo cyangwa sosiyete/uruganda kizaberamo amahugurwa;
- RP imaze kubyumvikana n'Ikigo ishobora gutanga amafaranga agenewe kwishyura ubwishingizi bw'abahugurwa n'ibyo bakwangiza;
- Inama yo ku rwego rw'Abaminisitiri n'Abayobozi b'Ibigo bashyira mu bikorwa NEP- Kora Wigire (NEP Steering Committee) ishobora kwemeza ibindi byishurwa ishuri, ikigo cyangwa sosiyete/uruganda byemerewe gutanga amahugurwa.

Bikorewe i Kigali, 18/09/2019

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo